REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

Ijambo rya Nyakubahwa RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo mu Muhango wo Kwizihiza Umunsi Mukuru Mpuzamahanga w'Umugore no Gusoza Amarushanwa y'Umupira w'Amaguru w'Abagore mu Mujyi wa Kigali

Sitade ya Kigali, i Nyamirambo, ku wa 08/03/2018

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

- **Ba Nyakubahwa Baminisitiri muri hano;**
- **Nyakubahwa Muyobozi w'Umujyi wa Kigali,**
- **Ba Nyakubahwa Bagize Inteko ishinga Amategeko;**
- **Bayobozi Bungirije b'Umujyi wa Kigali;**
- **Abahagarariye Inzego z'Umutekano;**
- **Bayobozi b'Uturere;**
- **Abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;**
- **Abagize Komite y'Inama y'Abagore mu Mujyi wa Kigali;**
- **Bayobozi Mwese muteraniye hano;**
- **By'umwihariko, Bagore Mwese, Bategarugori muri hano;**

1. **Mwiriwe Neza.**

2. **Nishimiye kwifatanya na mwe mwese kuri uyu munsi twizihiza Umunsi Mukuru Mpuzamahanga w'Umugore.**

3. **Abamaze gutwara ibikombe n'abitabiriye aya marushanwa mwese, ndabashimiye cyane.**

4. **Ndashimira cyane Umujyi wa Kigali na Komite y'Inama y'Abagore mu Mujyi wa Kigali n'Abafatanyabikorwa bose banyu mwafatanije mu gutegura neza uyu munsi.**

5. **Ubufatanye bwanyu mu bikorwa binyuranye ni uburyo bwiza bwo gukomeza guteza imbere umugore.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

6. **Mu Rwanda, turizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore ku nshuro ya 43.**

7. **Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: *"Munyarwandakazi, Komeza Umurava mu Iterambere Twubake u Rwanda Twifuza".***

8. **Uyu munsi:**

   - **Turazirikana ibyagezweho mu guteza imbere Umugore,**
   - **Dutekereze ku mbogamizi Abagore bagihura nazo; kandi,**
   - **Dukomeze gufata ingamba zo gukemura izo mbogamizi.**

KU BIJYANYE N'IBIMAZE KUGERWAHO:

9. **Igihugu cyacu cyimaze gutera intambwe igaragara mu kwimakaza Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye hagati y'Umugabo n'Umugore.**

10. **By'umwihariko, ibi tukaba tubikesha Ubuyobozi bwiza bwa Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

11. **Umugore aragaragara mu Nzego zifatirwamo ibyemezo.**

12. **Bigaragarira cyane mu Nteko Ishinga Amategeko, aho abagore ari 64%.**

13. **Hashyizweho amategeko mu rwego rwo guteza imbere Umugore n'Iyubahirizwa ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye hagati y'Umugore n'Umugabo.**

14. **Nibura 30% by'imyanya mu Nzego zifatirwamo ibyemezo igomba kuba irimo Abagore.**

15. **Ku bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka, Umugore n'Umugabo bashyingiranywa mu buryo bwemewe n'amategeko bafite uruhare n'uburenganzira bingana ku butaka (50% kuri buri wese).**

16. **Amategeko agenga Imicungire y'Umutungo w'Abashyingiranywe, Impano n'Izungura n'Itegeko rigenga Abantu n'Umuryango byaravuguruwe bishimangira Ihame ry'Uburinganire n'Ubwuzuzanye.**

17. **Mu rwego rw'ubukungu, ubushakashatsi bwakozwe bwagaragaje imibare ikurikira :**

- **18% by'ubutaka bwanditse ku Bagabo, 26% ku Bagore, naho 54% by'ubutaka bwanditse kuri bombi.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

Ibi kandi ni amahirwe Abagore babonye ashobora kubafasha kubona inguzanyo mu Bigo by'imari mu rwego rwo kwiteza imbere.

- **Umurenge SACCO umaze kwitabirwa n'Abagore bagera kuri 46%.**

- **Abagore bafite konti zo kubitsa no kuzigama bavuye kuri 27.9% ubu bageze kuri 44%.**

18. Dufite ingero zifatika z'Abagore, haba mu byaro no mu Mijyi, mu Midugudu, mu Tugari, mu Mirenge, mu Turere, Mu Ntara no mu Mujyi wa Kigali bakomeje kuba urugero rwiza rwo kwiteza imbere kubera kwigirira icyizere no gukora cyane.

19. Izo ngero nziza dukwiye gukomeza kuzubakiraho kuko zigaragaza ko Umugore ashoboye.

KU BIJYANYE N'INZITIZI ZIKIGARAGARA:

20. N'ubwo hari byinshi byagezweho mu iterambere ry'Umugore, haracyari inzitizi zimwe na zimwe.

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

21. **By'umwihariko, inzitizi zigaragara cyane mu bijyanye n'ubukungu ziterwa ahanini no kutagira ubumenyi buhagije bufasha Abagore kugera ku isoko ry'umurimo:**

- **Ku bijyanye n'akazi, abagore nibo bafite umubare munini (17,5%) w'abadafite akazi ugereranije n'abagabo (16.1%).**

- **19% by'abari munsi y'umurongo w'ubukene ni Abagore (EICV4).**

- **Umubare w'Abagore badakorana n'ibigo by'imari ugera kuri 32.2% ugereranije n'Abagabo (22.4%).**

- **Abagore nibo benshi bari muri Gahunda y'ubuhinzi butari ubw'umwuga ndetse budasagurira amasoko (82%) ugereranije n'abagabo (61.4%).**

- **Abagore bitabira inyigisho za *TVET* zifitanye isano n'ubumenyingiro n'Ikoranabuhanga bagera kuri 23% gusa.**

22. **Birumvikana rero ko nubwo hari byinshi byiza tumaze kugeraho, ibisigaye nabyo biradusaba gukora cyane kandi neza.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

23. Insanganyamatsiko igira iti:" *"Munyarwandakazi, Komeza Umurava mu Iterambere, Twubake u Rwanda Twifuza"*, iradushishikariza gukomereza aho tugeze, tukongera umurava.

- ***Ba Nyakubahwa mwese muteraniye hano;***
- ***Bagore, Rubyiruko, Babyeyi, Baturage b'Umujyi wa Kigali, Bashyitsi bahire mwese muri hano,***

24. Icyerekezo cy'u Rwanda Twifuza mu iterambere ry'Umugore, kiradusaba ko:

- **Gahunda zo guhanga imirimo ziyongera cyane, Abagore bakabona imirimo myinshi, aho bakorera heza habaha umusaruro ushimishije, hagakomeza kwiyongera kandi nabo bakitabira kuhakorera;**
- **Gufata ingamba zituma umubare w'abari munsi y'umurongo w'ubukene ukomeza kugabanuka;**
- **Gukorana cyane n'ibigo by'imari kugira ngo kubona igishoro byorohe;**
- **Kongera umubare w'Abagore bakora ubuhinzi bw'umwuga kandi bagasagurira amasoko;**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

- **Kongera umubare w'Abagore bitabira inyigisho zifitanye isano n'Ubumenyingiro n'Ikoranabuhanga kuko bibaha amahirwe menshi yo kubona umurimo no kuwihangira.**

25. Niyo mpamvu dukwiye twese:

- **Kongera ingufu mu bikorwa binyuranye bigamije guhanga imirimo, by'umwihariko ku Bagore;**

- **Gukangurira Abagore n'Abakobwa kugana Ibigo by'Ubumenyingiro;**

- **Gushyiraho Gahunda ihamye kandi ihoraho yo Gukurikirana Abagore n'Abakobwa bari mu Mashuri y'Imyuga no kumenya ibyifuzo byabo bagakorerwa ubuvugizi,**

- **Gukurikirana Abarangije Amashuri yigisha ubumenyingiro bakishyira hamwe ndetse bagakorerwa ubuvugizi bwo kubona igishoro.**

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

26. Sinabura kandi kubasaba gukomeza kugira uruhare muri Gahunda Nziza Ubuyobozi budahwema kubagezaho.

27. By'umwihariko:

- **Kwita ku Isuku,**
- **Kwita ku Mirire n'Imikurire by'Umwana,**
- **Kwigira no kwihesha agaciro mu buzima bwa buri munsi,**
- **Kubungabunga Umutekano, no**
- **Kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina.**

28. Ngana ku musozo reka nongere ngaruke ku gikorwa cya Siporo imaze kubera hano.

29. Siporo idufasha kurwanya indwara zinyuranye kandi igafasha uyikora guhora yumva ameze neza mu mubiri.

30. Siporo ikwiye kuba umuco mu buzima bwacu bwa buri munsi.

31. Abagore ndabashishikariza kujya mushaka umwanya wo gukora Siporo kandi mukitabira cyane Gahunda ya *Car Free Day* Umujyi wa Kigali washyizeho.

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour

32. Gukomeza Umurava mu Iterambere Twubaka u Rwanda Twifuza, biradusaba kuba tunafite ubuzima bwiza buzira umuze kandi siporo ibidufashamo.

33. Reka nongere nshimire :

- **Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali, Komite y'Inama y'Abagore mu Mujyi wa Kigali n'Abafatanya bikorwa banyu ku bufatanye bwabaranze mu gutegura neza iki gikorwa;**

- **Amakipe yose yitabiriye iyi Mikino kandi by'umwihariko nshimire ayashoboye kwegukana ibikombe.**

34. Mukomeze Mugire Umunsi Mwiza.

35. Mugire Amahoro.

P.O. BOX 403 KIGALI E-mail :info@mifotra.gov.rw Website: www.mifotra.gov.rw Follow us on Twitter : @RwandaLabour